

Guteganya Abashinzwe Kwita ku Bana ku Miryango y'Abimukira muri New Hampshire

Uko warinda abana bawe mu bihe by'akaga

Ibirimo

Iriburiro	3
Tegura Gahunda y'Uwita ku Bana	3
1. Gushakisha uwita ku bana	3
2. Vugana n'uwita ku bana	4
3. Andika Ibaruwa y'Ubushake	4
4. Gutegurira uwita ku bana gusaba kurera abana by'agateganyo	5
5. Ganira n'abana bawe	6
Ubundi Buryo bwo Gutegura Umuryango Wawe	6
Shakisha inyandiko z'ingenzi kandi ukore kopi zazo	6
Tunganya urupapuro rw'abantu bo kuvugisha mu gihe cy'amakuba	7
Fata mu mutwe nomero z'ingenzi	7
Zigama amafaranga y'ingwate y'abimukira	7
Shyikirana n'abaturage b'aho utuye	7
Shaka ubufasha mu by'amategeko niba umuryango wawe ukeneye ubufasha bwihariye	8
Irinde amakuru y'ibinyoma	8
Murebane amahugurwa ya "Menya Uburenganzira Bwawe"	8
Izindi Mfashanyigisho n'Aho Wakura Amakuru	9

Iriburiro

Turi mu gihe ushobora kumva udatekanye nk'umwimukira muri New Hampshire. Ushobora guhangayikishwa n'uko byagendekera abana bawe cyangwa abandi bagize umuryango witaho mu gihe waba ufuzwe cyangwa waroherejwe mu gihugu cyawe cy'inkomoko. Ushobora kumva utemerewe kuba mu muryango wawe mugari, ukumva ufite ubwoba cyangwa ukumva uri wenyine. Ushobora kumva ko udashobora kugira icyo ukora ku birebana n'ahazaza hawe.

Ikintu cyiza wakora ni **uguteganya mbere y'igihe**. Ntushobora kugenzura buri kintu cyose kibaye, ariko ushobora kugenzura ibintu bimwe na bimwe by'ingenzi mu mibereho yawe. Kimwe mu bintu by'ingenzi cyane ushobora guteganyiriza ni ukumenya uzita ku bana bawe mu gihe waba utagifite ubushobozi bwo kubitaho. Muri iyi mfashanyigisho, ibyo tubyita "Gahunda y'Uwita ku Bana."

Iyi mfashanyigisho ntivuga ku byo buri muryango w'abimukira ukeneye. Ni intangiriro. Abavoka n'abahanga mu by'amategeko barakoranye kugira ngo batunganye iyi nyandiko. icyakora, abo banyamategeko ntibaba bahagarariye wowe n'umuryango wawe, kandi iyi mfashanyigisho ntisimbura inama z'amategeko.

Muri iyi mfashanyigisho, dukoresha ijamba "uwita ku bana" mu gusobanura umuntu wifuza kwita ku bana bawe igihe waba udahari. Dukoresha ijamba "umurezi" mu gusobanura umuntu urukiko rwavuze ko afite uburenganzira n'inshingano byemewe n'amategeko ku bana bawe igihe waba udahari. Aba bantu babiri bashobora kuba ari umuntu umwe, ariko uwita ku bana ntabwo aba umurezi kugeza igihe basabye urukiko uburenganzira bwo kurera no kubona icyemezo cy'urukiko cyimwemerera kurera.

Tegura Gahunda y'Uwita ku Bana

Wowe n'uwo mwashakanye cyangwa undi mubyeyi mufatanyaga kurera (niba ari ngombwa) mukwiriye gukorera hamwe kugira ngo mutegure Gahunda y'Uwita ku Bana bawe mu gihe mutazaba mushobora kubitaho. Niba uhisemo ko abana bawe b'Abanyamerika bazajyana nawe mu gihe usubijwe mu gihugu cyawe, bagomba kuba bafite pasiporo ya Amerika kugira ngo mujyane. Niba badafite pasiporo ya Amerika, ugomba kuyibashakira vuba. Niba umwana wawe cyangwa abana bawe bafite ubwengehugu bubiri, baza Ambasade y'igihugu cyawe urebe niba bakeneye pasiporo y'igihugu cyawe kugira ngo bajyeyo.

1. Gushakisha uwita ku bana

Tekereza ku muntu ushobora kuzagufasha kwita ku bana bawe mu gihe wowe ubwawe uzaba utakiboneka. Wagombye guhitamo umuntu wiringirwa uzi kandi wizeye kugira ngo yite ku bana bawe. Nanone kandi, byaba byiza uhisemo umuntu abana bawe bazi kandi bizera.

Umuntu uhitamo agomba kuba ari umuturage wa Leta Zunze Ubumwe za Amerika cyangwa ufite uburenganzira bwo Gutura Burundu muri icyo Gihugu (LPR). Mu gihe ushobora guhitamo umuntu ufite indi sitati y'ubwimukira kugira ngo abe umurezi, uburyo burushijeho kugira umutekano ku muryango wawe ni uguhitamo umuntu ufite uburenganzira bwo gutura burundu muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika. Umuntu uhitamo yagombye kumva yisanzuye agiye mu rukiko n'ahandi hantu hose ku bw'abana bawe nta bwoba bwo gufatwa, gufungwa cyangwa kwirukanwa mu gihugu.

Niba wifuza ko umuntu wahisemo nk'uwita ku bana yaba n'umurezi w'umwana wawe cyangwa w'abana bawe, uwo muntu azasabwa kuzura igenzura ry'amateka y'uko yakatiwe cyangwa atakatiwe n'inkiko no gukora igenzura ry'inyandiko za Minisiteri y'Ubuzima n'Ibikorwa by'Abantu (DHHS). N'ubwo dosiye mbi zitazatuma byanze bikunze uwo muntu atemererwa kuba umurezi w'abana bawe, ushobora kubizirikana mu gihe ufata umwanzuro w'umuntu ugomba kwita ku bana bawe.

2. Vugana n'uwita ku bana

Baza uwita ku bana niba yiteguye kandi afite ubushobozi bwo kwita ku bana bawe mu gihe waba ufunzwe cyangwa warirukanywe n'Urwego Rushinzwe Abinjira n'Abasohoka (ICE). Baza uwita ku bana niba yiteguye kujya mu rukiko gusaba uburenganzira bwo kurera abana bawe.

Bwira uwita ku bana ibyo abana bawe bakeneye byose cyangwa ibyo bahura na byo. Niba umwana wawe afite ubumuga, jya ubanza ubaze uwita ku bana niba asobanukiwe neza ubumuga bwe n'uburyo bwo kumwitaho akeneye. Muhe kopi z'ibyangombwa by'ingenzi, nk'amakuru y'ubwishingizi bw'ubuzima bw'umwana wawe n'ingamba zose z'ishuri zijyanye n'ubumuga bwe. Niba umwana wawe ari mu muryango w'abaryamana bahuje igitsina (LGBTQ+), menya neza ko umwitaho azashyigikira umwana wawe kandi ashigikire uburenganzira bwe.

Nanone kandi, uwita ku mwana ashobora kukubaza ibibazo. Jya utegura mbere y'igihe ibisubizo by'ibibazo utekereza ko bishobora kuvuka kugira ngo uzabashe kubisubiza uko ushoboye kose.

Niba uwita ku mwana abyemeye, ugomba kumuha kopi y'inyandiko z'ingenzi z'umwana wawe n'amakuru azirinda. Muri ibyo bintu harimo:

- Amakarita y'abana y'ubwisungane mu kwivuza
- Amakuru arebana n'ubuzima bwa buri mwana, hakubiyemo izina ry'umuganga w'ibanze umwitaho n'andi mazina y'inzobere, imiti iyo ari yo yose afata, ibibazo by'uburwayi ibyo ari byo byose yaba afite, n'ubwivumbure bw'umubiri ubwo ari bwo bwose ashobora kugira
- Izina ry'ishuri umwana yigaho, umwaka yigamo n'umwarimu
- Kopi ya IEP y'umunyeshuri cyangwa gahunda ya 504 igenewe ishuri ryabo (niba ari ngombwa)
- Kopi ya pasiporo y'umwana (niba ayifite)
- Kopi y'icyemezo cy'amavuko cy'umwana
- Amakuru ajyanye n'ibikorwa umwana akora nyuma y'amasomo n'amasaha biberaho

3. Andika Ibaruwa y'Ubushake

Niba uwo wabonye wo kwita ku bana yemeye gusaba kurera abana bawe niba udashoboye kubitaho, uzakenera inyandiko igaragaza ko ubishaka. Ibyo ushobora kubikora wanditse ibaruwa igaragaza ubushake. Muri iyo baruwa, wagombye kwandika ko wahaye inshingano umuntu uzita ku bana bawe kugira ngo azabe ari we ubarera mu gihe uzaba utagishoboye kubitaho. N'iyi uwo wahisemo wo kwita ku bana adashaka gusaba uburenganzira bwo kubarera, iyi baruwa y'ubushake ishobora kuba ingirakamaro kugira ngo wereke inzego zibishinzwe uwo uhisemo wo kwita ku bana bawe.

Ibaruwa y'ubushake igomba kuba irimo:

- Izina ryawe na aderesi
- Izina ry'uwo mwashakanye/uwo mufatanyanya kurera na aderesi (niba ari ngombwa)
- Amazina y'abana, aderesi n'itariki z'amavuko
- Izina ry'uwita ku bana na aderesi
- Umukono wawe n'umukono w'uwo mwashakanye/uwo mufatanyanya kurera
- Umukono w'uwita ku bana
- Umukono wa Noteri wa Leta

Icyitegererezo cy'Ibaruwa y'Ubushake kiri ku musozo w'iyi mfashanyigisho ku ipaji ya ____.

4. Gutegurira uwita ku bana gusaba kurera abana by'agateganyo

Muri New Hampshire, umuntu mukuru uwo ari we wese ashobora gusaba urukiko kurera by'agateganyo umwana utujuje imyaka y'ubukure. Niba utabasha kuboneka, uwita ku bana bawe agomba guhita asaba urukiko ko rwamugira umurezi w'agateganyo w'abana bawe. Ibyo bishobora gutuma abana bawe batajya mu maboko ya Minisiteri Ishinzwe Abana, Uruburiko n'Imiryango (DCYF). Ushobora gufasha uwita ku bana mu kwitegura umuha kopi y'ibaruwa y'ubushake no mu kumufasha kubona no kuzuza izindi mpapuro zikenewe.

Imyiteguro

Dore inyandiko ugomba kureba neza ko uwita ku bana bawe yateguriye urukiko mbere y'uko utaboneka:

- [Gusaba uburenganzira bwo kurera umwana utarageza ku myaka y'ubukure](#)
- [Ibaruwa isobanura amateka y'aho umwana yabaye ndetse n'ibyemezo byafashwe mbere ku bijyanye no kurera umwana](#)
- [Icyifuzo cyo Gukuraho Amafaranga y'Urubanza](#)
- [Inyandiko Iha Uburenganzira DHHS bwo Kurekura Amakuru](#)
- [Inyandiko Itanga Uburenganzira bwo Gutangaza Amakuru y'Uko Umuntu Yakatiwe cyangwa Atakatiwe n'Inkiko](#)
- [Ifishi yo Guhitamo Uzakira Inyandiko z'Amategekoko](#)(niba uwita ku bana atuye hanze ya New Hampshire)

Izi nyandiko zose ushobora kuzisanga ku rubuga rw'inkiko zo muri New Hampshire:

<https://www.courts.nh.gov/our-courts/circuit-court/forms/guardianship-e-filing-forms>

Mu gihe Utabonetse

Niba utabasha kuboneka kubera ko wafunzwe, uwita ku bana bawe agomba gusaba kurera abana bawe by'agateganyo mu rukiko rw'umuryango rw'aho utuye, rwitwa NH Circuit Court – Family Division (Urukiko rw'Akarere rwa NH – Ishami Rishinzwe Umuryango). Ashobora kubikora akoresheje urubuga rwa interineti rwa TurboCourt. Uwita ku bana agomba gukurikiza aya mabwiriza:

1. Jya ku rubuga rw'urukiko: www.courts.state.nh.us.
2. Hitamo ikimenyetso cya serivisi zo mu buryo bwa elegitoroniki.
3. Hitamo uburyo bwo kwihagararira
4. Kanda "E-File Here" kugira ngo winjize icyifuzo cyo gutanga dosiye ukoresheje ikoranabuhanga.
5. Kanda kuri Iyandikishe hanyuma ukurikize ibisabwa.
6. Bikira ijamba ry'ibanga ryabo ahantu hihariye.

7. Nyuma yo kwiwandikisha no kwinjira, kanda gutangira ubu (start now), iruhande rwa Kurera – Tangira Urubanza Rushya (Guardianship – Start a New Case).
8. Ahanditse Aho Gutanga Dosiye (Where to File), hitamo izina ry'igihugu n'aho wifuza gutanga dosiye.
9. Kanda ibikurikira.
10. Kurikiza amabwiriza n'ibisabwa biri kuri mugaragaza kugira ngo usoze kuzuza dosiye.

Uwita ku bana ashobora gukoresha amafishi wateguranye na we kugira ngo umufashe kuzuza dosiye yo kuri interineti.

(Aya mabwiriza yakurikije amabwiriza urukiko rutanga muri iyi [nyandiko](#).)

5. Ganira n'abana bawe

Ni iby'ingenzi kuganira n'abana bawe ku birebana n'ibizababaho igihe uzaba wafunzwe cyangwa ukaba warirukanywe mu gihugu. Birashoboka ko abana bawe bumva ku ishuri cyangwa ku mbuga nkoranyambaga ibirebana n'akaga imiryango y'abimukira ishobora guhura na ko. Mu bihe by'amakuba, ibihuha n'amakuru y'ibinyoma bishobora gukwirakwira mu buryo bwihuse, bigatuma abana bahangayika. Jya uganira kenshi n'abana bawe ku birebana na gahunda yo kwita ku bana. Babwire uzabitaho igihe uzaba utabasha kuboneka. Jya ubamenyesha aho inyandiko zabo z'ingenzi ziri. Niba ufite umwunganizi mu by'amategeko, bahe amakuru y'uwo mwunganizi mu by'amategeko.

Kumenya ko umubyeyi ashobora gufungwa bishobora kugutera ubwoba, ariko umwana wawe namenya ko hari gahunda yashyizweho, bizatuma yumva ko ashobora kuzuzura ibintu. Bizanabategurira kandi gufata ingamba ziboneye mu gihe waba ufunzwe kandi ukaba udashobora kuvugana na bo.

Ubundi Buryo bwo Gutegura Umuryango Wawe

Buri wese mu bagize umuryango, harimo n'abana, ashobora kugira uruhare mu gutegura. Jya uha abagize umuryango wawe amakuru.

Shakisha inyandiko z'ingenzi kandi ukore kopi zazo

Shaka inyandiko z'ingenzi za buri wese mu bagize umuryango maze uzifotore cyangwa uzisikane. Bikaba izo nyandiko muri telefoni yawe ahantu hihishe ariko ushobora kuhagera mu buryo bworoshye. Bikaba kopi z'izo nyandiko ahantu ushobora kuzibona mu rugo. Ushobora kandi gukora kopi z'inyandiko ku giciro gito mu masomero hafi ya yose. Kora ku buryo buri wese mu bagize umuryango amenya aho ashobora kubona izo nyandiko mu gihe bibaye ngombwa.

Urutonde rw'inyandiko z'ingenzi:

- Pasiporo
- icyemezo cy'amavuko
- icyemezo cy'ishyingirwa
- icyemezo icyo ari cyo cyose cy'urukiko rw'imiryango (ku birebana n'imanza z'ubutane, kurera abana wabyaye, ihohoterwa rikorerwa mu muryango, cyangwa kurera abana utabyaye)
- Inyandiko z'abimukira (harimo uruhushya rwo gukora, inyemezabwishyu za USCIS)

- Nomero y'ubwiteganyirize n'ikarita za ITIN
- Uruhushya rwo gutwara ibinyabiziga
- Inyandiko z'ubuvuzi
- Indangamuntu y'umunyeshuri cyangwa andi makarita amugaragarza
- Ikarita y'Urukingo rwa COVID-19

Tunganya urupapuro rw'abantu bo kuvugisha mu gihe cy'amakuba

Tunganya urupapuro rw'abantu bo kuvugisha mu gihe cy'amakuba harimo amazina y'ingenzi, nomero za telefoni na aderesi zabo. Bika kopi y'iyi fishi ahantu ushobora kugera mu buryo bworoshye mu rugo rwawe, kandi uhe kopi uwita ku bana wahisemo. Ushobora kandi gufotora urupapuro rwawe rw'abantu bashobora guhamagara mu bihe by'amakuba kugira ngo uyibike kuri telefoni yawe.

Fata mu mutwe nomero z'ingenzi

Buri wese mu bagize umuryango wawe yagombye gufata mu mutwe izi nomero za telefoni z'ingenzi:

- nomero za telefoni z'umwunganizi wawe mu by'abimukira (niba umufite)
- nomero za telefoni z'uwita ku bana wahisemo
- nomero za telefoni z'abandi bagize umuryango

Zigama amafaranga y'ingwate y'abimukira

"Ingwate y'abimukira" ni amafaranga ushobora kwishyura kugira ngo urekurwe muri gereza ya ICE, mu gihe cyose wiyemeje kuzitabira iburanisha ry'abimukira mu gihe kizaza. Ingwate y'abimukira ishobora kuba ihenze, igiciro cyo hasi ni \$1.500 kandi nta giciro ntarengwa cyo hejuru kibaho. Gutangira kuzigama amafaranga yo kwishyura ingwate y'abimukira uherye ubu bishobora kugufasha kurekurwa mu gihe waba ufuzwe na ICE.

Shyikirana n'abaturage b'aho utuye

Iki ni igihe cyiza cyo gushyikirana n'abandi bantu bo mu gace utuyemo bashobora kuba bahanganye n'imihangayiko nk'iyi. Kubaka imibanire y'icyizere n'abantu batuye hafi yawe ni uburyo bw'ingenzi bwo kuguma mu mutekano.

Hariho kandi imiryango myinshi y'abaturage muri New Hampshire ikora mu kurinda, gushyigikira no kubaka imiryango y'abimukira. Komeza kuvugana n'iyi miryango imbonankubone no ku mbuga nkoranyambaga kugira ngo umenye neza ko ufite amakuru meza. Imwe muri iyi miryango ni iyi ikurikira:

- Welcoming New Hampshire/NH Alliance for Immigrants and Refugees: <https://welcomingnh.org/>
- Organization for Refugee and Immigrant Success: <https://www.refugeesuccess.org/>
- ACLU-NH: <https://www.aclu-nh.org/en/issues/immigrants-rights>
- International Institute of New England: <https://iine.org/>
- Building Community in New Hampshire: <https://www.bcinnh.org/>

- Catholic Charities New Hampshire: <https://www.cc-nh.org/our-causes/immigration/>
- India Association of New Hampshire: <https://www.ianh.org/>
- New Hampshire Brazilian Council: <https://www.nhbraziliancouncil.org>
- Granite State Organizing Project: <https://granitestateorganizing.org/>
- Turkish Cultural Center of New Hampshire: <https://www.tccnh.org/>
- New Hampshire Conference, United Church of Christ Immigrant and Refugee Support Group: <https://www.nhcucc.org/mission-groups/immigrant-refugee-support>

Shaka ubufasha mu by'amategeko niba umuryango wawe ukeneye ubufasha bwihariye

Si buri muryango ukeneye ubufasha mu by'amategeko mu kwitegura ikibazo cy'amakuba cy'abimukira. Ariko birashoboka cyane ko uzakenera ubufasha niba umuryango wawe warigeze kugira uruhare muri DCYF cyangwa muri sisiteme yo gutakirwa n'inkiko. Niba ibi bisa nk'ibyawe, turagusaba *guhita* uhamagara usaba ubufasha mu by'amategeko.

Niba ukeneye ubufasha mu by'amategeko, wahamagara 603 Legal Aid kuri (603) 224-3333. Ikigo cy'itumanaho cya 603 Legal Aid kiba gifunguye kuva ku wa mbere kugeza ku wa kane kuva saa 9:00 za mu gitondo kugeza saa 2:00 za nimugoroba. Ushobora kandi gusaba serivisi ku rubuga rwabo kuri <https://www.603legalaid.org/apply>.

Irinde amakuru y'ibinyoma

Amakuru yose si ko aba ari meza, bityo rero ugomba kugenzura aho yavuye! Ugomba guhora ugenzura neza mbere yo gusangiza abandi bantu bo mu gace utuyemo. Ntugasangize abandi amakuru ajyanye n'abimukira, keretse niba uzi neza ko ayo makuru ari ukuri. Mbere yo kohereza ubutumwa cyangwa gutangaza amakuru ajyanye n'abimukira, ibaze uti: "Ese nzi neza ko ibi ari ukuri?"

Ikibabaje ni uko hari abantu bagarageza gukoresha nabi abantu batinya ko bashobora guteza akaga imiryango yabo. Ni ngombwa kumenya neza ko umuntu usaba ubufasha afite ibyangombwa bikwiye. Niba umuntu atanga serivisi z'amategeko, menya neza ko ari umunyamategeko cyangwa ko akorana n'umunyamategeko. Wibuke ko "noteri" cyangwa noteri wa leta atari umunyamategeko.

Icyo nyuma, wibuke ko n'ubwo amategeko arebana n'abimukira ari ay'igihugu, amategeko arebana n'umuryango atandukanye muri buri gihugu. Iby'ukuri muri New Hampshire bishobora kuba atari ko bimeze mu yindi leta. Ibyo ujye ubizirikana mu gihe usomye amakuru kuri interineti cyangwa uyagejeje ku ncuti zawe ziba mu bindi bihugu.

Murebane amahugurwa ya "Menya Uburenganzira Bwawe"

Hari imiryango myinshi ifite amashusho ya "Menya Uburenganzira Bwawe" (amwe muri yo yagaragajwe hasi). Muje murebana amwe muri ayo mashusho nk'abantu bakuru, kandi niba ubona ko bikwiriye, ujye uyireba uri kumwe n'abana bawe. Nyuma yo kureba ayo mashusho, ganira n'abana bawe. Bareke babaze ibibazo kandi mukorane kugira ngo mwitoye kubahiriza uburenganzira bwanyu.

Izindi Mfashanyigisho n’Aho Wakura Amakuru

Waba ufite ibindi bibazo ku burenganzira bwawe nk'umwimukira muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika? Hari inyandiko nyinshi nziza zitangwa n'imiryango izwi. Reba ibi izi nyandiko:

- Immigrant Defense Project, Know Your Rights with ICE: <https://www.immigrantdefenseproject.org/know-your-rights-with-ice/>
- ACLU, Know Your Rights – Immigrants’ Rights: <https://www.aclu.org/know-your-rights/immigrants-rights>
- Immigrant Legal Resource Center: <https://www.ilrc.org/community-resources>
- Informed Immigrant, Know Your Rights and Family Preparedness Video: <https://youtu.be/VL310jPqWUs>
- United We Dream, Know Your Rights: <https://unitedwedream.org/resources/know-your-rights/>
- American Bar Association, Know Your Rights: https://www.americanbar.org/groups/public_interest/immigration/projects_initiatives/know-your-rights/
- National Immigrant Justice Center, Know Your Rights: <https://immigrantjustice.org/know-your-rights>
- National Immigration Law Center, Know Your Rights Under the U.S. Constitution, No Matter Who is President: <https://www.nilc.org/resources/everyone-has-certain-basic-rights/>

Itariki

Urukiko rw'Akarere rwa New Hampshire
Ishami Rishinzwe Umuryango

Impamvu: Ibaruwa y'Ubushake

Ku Urukiko rw'Akarere rwa New Hampshire, Ishami Rishinzwe Umuryango,

Njyewe, _____ [IZINA RY'UMUBYEYI
(ABABYEYI)], utuye _____ [ADERESI Y'UMUBYEYI],
nemereye _____ [IZINA RY'UWITA KU BANA], utuye
_____ [ADERESI Y'UWITA KU BANA] nk'uwita ku
bana n'umurezi kugira uburenganzira n'inshingano mfite ku birebana n'abana batujuje imyaka
y'ubukure bafite amazina n'amatariki y'amavuko bikurikira:

Nizera ko _____ [IZINA RY'UWITA KU BANA] ari we
uzarera neza abana banjye igihe nzaba ntahari kubera ko::

Mu gihe nzaba ntahari, abana batujuje imyaka y'ubukure bavuzwe amazina bazafatwa nk'ababana
n'uwita ku bana wavuzwe. Iyi nyandiko izakomeza gukurikizwa kugeza
_____ [ITARIKI WIFUZA KO IZATAKARIZAHO AGACIRO] cyangwa
kugeza menyesheje uwita ku bana mu nyandiko ko nayivuguruye cyangwa nayikuyeho.

Ndahaye cyangwa ndahamya ko amakuru ari hejuru ari ukuri kandi ko ari yo ku bumenyi mfite.

Murakoze,

IZINA RY'UMUBYEYI WA 1

ITARIKI

IZINA RY'UMUBYEYI WA 2

ITARIKI

ICYEMEZO CY'UMUKONO WA NOTERI WA LETA

(Niba iyi nyandiko iriho umukono wa noteri, iki gice kizuzuzwa na Noteri.)

LETA YA NEW HAMPSHIRE

INTARA YA _____

Ibaruwa y'ubushake iri hejuru yemerejwe imbere yanjye ku itariki ya
_____, na _____, ndamuzi cyangwa
nemeje neza ko ari we muntu wavuzwe hano

Umukono wa Noteri:

Icyo Ashinzwe (n'Urwego):

Ububasha bwanjye buzatakaza agaciro: